# Icyegeranyo cy'Amakuru y'Imikino yaranze icyumweru

**2022** **Taliki 02-09 Kamena**



P1. CAN 2023: Amavubi yatsinzwe na Senegal umukino wa kabiri wo gushaka itike

# Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 CAN 2023: Amavubi yatsinzwe na Senegal umukino wa kabiri wo gushaka itike

P2 Hakinwe imikino ya nyuma ihuza amashuli yisumbuye ku rwego rw'Igihugu

P3 Volleyball: REG VC na APR VC zegukanye irushanwa ryo Kwibuka

P4 NPC Rwanda: Umwaka w'imikino warasojwe, Akarere Ka Musanze Kaza imbere

P5 CECAFA 2022: U Rwanda rwasezerewe rutarenze amatsinda

P5 Basketball: Hatangiye imikino ya shampiyona yo kwishyura

P6 Taekwondo: Ibihugu 19 nibyo bimaze kwiyandikisha muri Shampiyona ya Afurika izabera mu Rwanda

P7 Handball: U Rwanda rwemerewe bidasubirwaho kwakira irushanwa Nyafurika ry'abatarengeje imyaka 18 na 20

P8 Cycling: Hagiye kuba amatora ya Komite Nyobozi nshya ya FERWACY

P9 Cricket: Hatangiye irushanwa mpuzamahanga ryo Kwibuka

# CAN 2023

## Amavubi yatsinzwe na Senegal umukino wa kabiri wo gushaka itike

Ikipe y'u Rwanda "Amavubi" yatsinzwe na Senegal umukino wa kabiri mu itsinda L mu gushaka itike y'igikombe cya Afurika kizaba muri 2023 "CAN 2023".

Uyu mukino wabereye kuri Diamniadio Olympic Stadium i Dakar, taliki 07 Kamena 2022, ikipe y'u Rwanda yihagazeho ariko mu minota y'inyongera, ikipe ya Senegal ibona igitego cyatsinzwe na Sadio Mane kuri penaliti nyuma y'ikosa yari akorewe na myugariro w'Amavubi, Mutsinzi Ange Jimmy mu rubuga rw'amahina. Umukino urangira ari igitego 1-0.

Nyuma yo gutsinda uyu mukino, Senegal yahise iyobora itsinda L n'amanota 6 kuko mu mukino w'umunsi wa mbere yari yatsinze Benin ibitego 3-1. Ikipe y'u Rwanda yari yitwaye neza mu mukino w'umunsi wa mbere aho yanganyije na Mozambique igitego 1-1.

Imikino y'umunsi wa kabiri mu itsinda L yasojwe kuri uyu wa Gatatu taliki 08 Kamena 2022 aho ikipe ya Benin yatsindiwe iwabo na Mozambique igitego 1-0.

Imikino yo gushaka itike ya CAN 2023 izongera gukinwa muri Nzeri 2022 aho ikipe y'u Rwanda izakina na Benin iwayo taliki 19 Nzeri 2022 nyuma hakinwe n'umukino wo kwishyura uzabera mu Rwanda taliki 27 Nzeri 2022.

**Abakinnyi babanjemo ku mpande zombi**

**Rwanda:** Kwizera Olivier, Mutsinzi Ange, Manzi Thierry, Nirisarike Salomon, Serumogo Ali (Fitina Ombarenga), Imanishimwe Emmanuel, Muhire Kevin (Nishimwe Blaise), Bizimana Djihad, Rafael York (Hakizimana Muhadjiri), Ruboneka Jean Bosco na Kagere Meddie (Mugunga Yves).

**Senegal:** Edouard Mendy, Youssouf Sabaly, Abdou Diallo, Kalidou Koulibaly, Fodé Ballo-Touré, Pape Matar Sarr, Nampalys Mendy, Pape Gueye, Idrissa Gana Gueye, Sadio Mane, Habib Diallo na Ismaïla Sarr.



*RWANDA*



*SENEGAL*



# Hakinwe imikino ya nyuma ihuza amashuli yisumbuye ku rwego rw'Igihugu

Mu marushanwa ngarukamwaka ategurwa n'Ishyirahamwe ry'Imikino mu mashuli yisumbuye (RSSF), ibigo by'Amashuri yisumbuye byabaye ibya mbere muri za "Ligue" zose zo mu gihugu byahuriye mu Karere ka Muhanga ahabereye imikino ya nyuma ku rwego rw'igihugu ku wa Gatandatu taliki 4 no ku Cyumweru taliki 5 Kamena 2022.

Imikino yakinwe ni Handball, Umupira w'amaguru, Rugby, Netball na Sitball naho Volleyball na Basketball ntiyabaye kubera ko amwe mu makipe ya Volleyball yari yitabiriye irushanwa ryo Kwibuka abakinnyi, abayobozi n'abafana bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Naho bamwe mu bakinnyi ba Basketball bari bahamagawe mu mwiherero w'ikipe z'igihugu z'abari munsi y'imyaka 18. Aya marushanwa azaba nyuma.

**Uko amakipe yatsindanye ku mikino ya nyuma**

**Handball:**

- Abahungu: ADEGI 26-30 ES Kigoma
- Abakobwa: Kiziguro SS 32-24 Institut Sainte Famille de Nyamasheke

**Football:**

- Abahungu : ES Gasiza 0-0 Collège Islamique de Bugarama (*pen 5-4)
- Abakobwa: IP Mukarange 1-0 ES Mutunda

**Rugby**

- Abahungu: Lycée de Ruhango 36-5 ES Nyanza

**Netball**

- GS St Aloys Rwamagana 46-31 GS Gahini

**Sitball**

- GS Bushyanguhe (Gatsibo) ni yo yatwaye igikombe. Amakipe yari atatu yakinnye hagati yayo, igikombe gitwarwa n'iya mbere.



*Minisitiri wa Siporo Hon. Aurore Mimosa Munyangaju ashyikiriza igikombe kapiteni w'ikipe y'umupira w'amaguru ya ES Gasiza*



# GMT 2022

## **Volleyball:** REG VC na APR VC zegukanye irushanwa ryo Kwibuka

Ikipe ya REG VC mu bagabo na APR VC mu bagore zegukanye irushanwa ryo Kwibuka abari abakinnyi, abayobozi, abatoza n'abandi bari mu muryango mugari wa Volleyball bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 "Volleyball Genocide Memorial Tournament 2022".

Iri rushanwa ryabereye mu Karere ka Gisagara na Huye taliki 04 na 05 Kamena 2022, ryari ryitabiriwe n'amakipe 12 mu bagabo aho yari mu matsinda 4. Ikipe ya Gisagara VC, Kirehe VC na Gihisi TVET zari mu itsinda A , REG VC, Christ Roi na GSO Butare mu itsinda B. Ikipe ya APR VC, IPRC Musanze na GS St Joseph zari mu tsinda C mu gihe itsinda D ryari ririmo IPRC Ngoma, UR CMHS na Petit SeminaireVF.

Ku ruhande rw'abagore hari hitabiriye amakipe 9 ashyirwa mu matsinda atatu, itsinda A ryari ririmo RRA VC, GS St Joseph na IPRC Kigali, itsinda B ryari ririmo APR VC, Ruhango VC na UR Gikondo naho itsinda C ririmo UVC, IPRC Huye na St Bernadette.

Mu bagabo, ikipe ya REG VC yegukanye igikombe itsinze ku mukino wa nyuma Gisagara VC yari ifite igikombe giheruka amaseti 3-2 (20-25, 21-25, 25-22, 25-20 na 15-11). REG VC yari yageze ku mukino wa nyuma isezereye Kirehe VC muri ½ ku maseti 3-1 (25-17,16-25,25-19 na 25-15) naho Gisagara VC isezerera APR VC ku maseti 3-1 (25-17,16-25,25-18 na 25-19).

Mu guhatanira umwanya wa gatatu, ikipe ya APR VC yatsinze Kirehe VC amaseti 3-0 (25-22, 25-16 na 25-22).

Mu bagore, ikipe ya APR VC yegukanye igikombe itsinze RRA VC amaseti 3-2 (25-21, 24-26, 19-25,25-23 na 15-11).

Ikipe ya APR VC yari yageze ku mukino wa nyuma itsinze IPRC Kigali muri ½ ku maseti 3-0 (25-19, 25-18 na 25-12)naho RRA VC isezerera UVC ku maseti 3-2 ( 16-25,25-15,16-25 na 15-11).

**Amakipe atatu ya mbere:**

**Mu bagabo**

1. REG VC
2. Gisagara VC
3. APR VC

**Mu bagore**

1. APR VC
2. RRA VC
3. UVC

**Ibihembo ku bakinnyi ku giti cyabo**

**Mu bagabo**

- Best Server : Muvara Ronald(Gisagara VC)
- Best Receiver:Akumuntu Kavalo Patrick (GisagaraVC)
- Best Setter: Mahoro Yvan(REG VC)
- Best Blocker: Mbonigaba Vincent (APR VC)
- Best Attacker: Okello Daudi (REG VC)
- Best Libero : Rwigema Simon (REGVC)
- MVP: Okello Daudi (REG VC)

**Mu bagore**

- Best Server : Bayija Yvonne (APR VC)
- Best Receiver:Munezero Valentine (APR VC)
- Best Setter: Akimanazinye Ernestine (RRA VC)
- Best Blocker: Uwiringiyimana Albertine (APR VC)
- Best Attacker: Yankurije Françoise (APR VC)
- Best Libero : Uzamukunda Fillette (RRA VC)
- MVP: Nzamukosha Olive (RRA VC)



*Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri ya Siporo, SHEMA Maboko Didier ashyikiriza igikombe kapiteni wa REG VC Dusabimana Vincent*

# NPC Rwanda:
## Umwaka w'imikino warasojwe, Akarere ka Musanze Kaza imbere

Mu mpera z'icyumweru gishize taliki 04 na 05 Kamena 2022 kuri Sitade ya Bugesera hasojwe shampiyona ya Boccia, Wheelchair Basketball n'imikino ngororamubiri mu mikino y' abantu bafite ubumuga.

**Boccia**

Shampiyona ya Boccia amakipe 6 niyo yakinnye iyi mikino ya nyuma, aya amakipe akaba yarahereye mu mikino y'ibanze mbere yo gukinahagati yayo guhera ku wa Gatandatu taliki 04 Kamena 2022, basoza ku Cyumweru taliki 05 Kamena 2022.

Nyuma yo guhura hagati yayo amakipe yitabiriye iyi shampiyona ya Boccia yasize ikipe ya Musanze ariyo yegukanye umwanya wa mbere n'amanota 43, Rutsiro ifata umwanya wa kabiri n'amanota 35, Ruhango ku mwanya wa gatatu n'amanota 31, Gisagara yaje ku mwanya wa kane n'amanota 29, Nyanza ku mwanya wa gatanu n'amanota 28  naho Gakenke uyu mwaka niyo isoreje ku mwanya wa nyuma n'amanota 8.

**Wheelchair Basketball**

Shampiyona ya Wheelchair Basketball na yo yarasozwaga mu iki Cyumweru dusoje. Amakipe ane niyo yageze kuri iyi mikino ya nyuma, aho yahereye, ikipe ya Musanze yegukanye umwanya wa mbere nyuma yo gutsinda imikino yayo yose isoza ifite amanota 25. Mu kiciro cy'abagore ikipe ya Kicukiro niyo yegukanye umwanya wa mbere.

**Imikino ngororamubiri**

Mu mikino ngororamubiri mu bantu bafite ubumuga naho basozwaga umwaka wa shampiyona yabo 2022, imikino yitabiriwe n'amakipe 11 arimo ay'abagabo n'abagore Akarere ka Musanze niko kongeye kwiharira imidali haba mu kiciro cy'abagabo ndetse n'abagore aho kegukanye imidali 31 harimo 16 ya Zahabu, 12 ya Feza n'indi 3 y'Umulinga. Rwamagana niyo yaje ku mwanya wa kabiri mu makipe yegukanye imidali 12 muri iyi mikino (12) naho Nyabihu itwara umwanya wa gatatu aho yegukanye imidali 5, Kicukiro niyo yegukanye imidali mike kuko yatwaye imidali ibiri gusa y'Umuringa.



*Amakipe ahiganwa muri Shampiyona y'umukino wa Boccia*



*Amakipe ahiganwa muri Shampiyona y'umukino wa Wheelchair Basketball*



*Emmanuel Niyibizi wanabonye itike yo kuzitabira imikino ya Birmingham 2022 ahiganwa muri Shampiyona y'umukino wo gusiganwa ku maguru mu bafite ubumuga*

# CECAFA 2022:

## U Rwanda rwasezerewe rutarenze amatsinda

Ikipe y'igihugu y'abagore yaserewe mu irushanwa rya CECAFA 2022 ihuza amakipe y'ibihugu y'abagore yo muri Afurika y'Iburasirazuba no hagati nyuma yo gutsindwa imikino ibiri mu itsinda rya mbere.

Ikipe y'u Rwanda itozwa na Habimana Sosthene ntiyahiriwe n'iri rushanwa ryabereye i Jinja muri Uganda kuko ku mukino ufungura ku italiki ya 01 Kamena 2022 yatsinzwe na Uganda 2-0. Ni ibitego byombi byatsinzwe na Fazila Ikwaput.

Nyuma y'iminsi ibiri u Rwanda rwahuye n'u Burundi nanone rutsindwa 2-1 ruhita rusezererwa. Ibitego byombi by'u Burundi byatsinzwe na Sandrine Niyonkuru mu gihe igitego cy'u Rwanda cyatsinzwe na Usanase Zawadi.

Ku cyumweru taliki 05 Kamena 2022, ikipe y'u Rwanda yasubiye mu kibuga ikina na Djibouti. Uyu mukino wo warangiye u Rwanda rwegukanye intsinzi y'ibitego 2-0. Ibi bitego byinjijwe na Uzayisenga Lydia ndetse na Ibangarye Anne Marie.

Muri iri tsinda A, Uganda n'u Burundi ni yo makipe yakomeje muri ½ cy'irangiza.



# Basketball:

## Hatangiye imikino ya shampiyona yo kwishyura

Mu mpera z'icyumweru gishize, taliki 03 kugeza 05 Kamena 2022,shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo n'abagore yarasubukuwe hakinwa imikino yo kwishyura.

**Mu cyiciro cya mbere mu bagabo**

**Taliki 03-06-2022**
- Shoot for the Stars BBC 65-59 UGB
- APR BBC 72-85 IPRC Kigali

**Taliki 04-06-2022**
- IPRC Huye 118-28 UR CMHS BBC
- Tigers BBC 108-54 IPRC Musanze
- REG BBC 93-73 IPRC Kigali
- UGB 103-56 UR Huye BBC

**Taliki 05-06-2022**
- UGB 105-49 Rusizi BBC
- Shoot fot the Stars BBC 88-62 IPRC Musanze

**Mu cyiciro cya mbere mu bagore**
- APR BBC 139-23 UR CMHS
- UR CMHS 50-51 UR Huye BBC




## Taekwondo:

# Ibihugu 19 nibyo bimaze kwiyandikisha muri Shampiyona ya Afurika izabera mu Rwanda

Mu gihe habura igihe kirengaho gato ukwezi ngo hatangire irushanwa ryo guhatanira igikombe cya shampiyona ya Afurika ya Taekwondo (African Taekwondo Senior Championships 2022) izabera i Kigali, kugeza ubu hamaze kwiyandikisha abakinnyi basaga 200 bo mu bihugu 19.

Biteganyijwe ko iri rushanwa mu cyiciro cy'myiyereko (Poomsae) rizakinwa kuva taliki 13 kugeza taliki 14 Nyakanga 2022 mu gihe icyiciro cyo kurwana (Kyorugi) kizakinwa kuva taliki 16 kugeza taliki 17 Nyakanga 2022 ari nabwo Igihugu kizaba cyegukanye igikombe kizagishyikirizwa.

U Rwanda rukazakira iyi Shampiyona ya Afurika ku nshuro yarwo ya mbere ari nabwo rizaba ribereye bwa mbere muri Afurika yo munsi y'ubutayu bwa Sahara.




MINISPORTS WORLD TAEKWONDO AFRICAN TAEKWONDO UNION RWANDA TAEKWONDO FEDERATION

# Handball:


## U Rwanda rwemerewe bidasubirwaho kwakira irushanwa Nyafurika ry'abatarengeje imyaka 18 na 20

Taliki 07 Kamena 2022, hateranye inama ya Komite Nyobozi y'Impuzamashyirahamwe Nyafurika y'umukino wa Handball (CAHB), yemeza bidasubirwaho ko u Rwanda ruzakira igikombe cy'Afurika cy'abatarengeje imyaka 18 kizaba kuva taliki 18 kugeza taliki 28 Kanama 2022 ndetse n'icy'abatarengeje imyaka 20 kizaba kuva taliki 28 Kanama 2022 kugeza taliki 07 Nzeri 2022.

Ibi byemejwe nyuma y'uruzinduko rw'intumwa ya CAHB, Callixte ADNKPO, ukomoka muri Benin yagiriye mu Rwanda kuva taliki 29 Gicurasi 2022 kugeza taliki 01 Kamena 2022, akaba yari yaje mu Rwanda kureba aho imyiteguro yo kwakira aya marushanwa Nyafurika aho igeze.

Callixte ADNKPO yakurikiranye irushanwa ryo Kwibuka abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 by'umwihariko abari bagize umuryango mugari w'Ishyirahamwe ry'umukino wa Handball mu Rwanda (FERWAHAND) b'umukino riheruka kubera mu Rwanda kuva taliki 28 na 29 Gicurasi 2022, anasura ibikorwa remezo bizifashishwa muri ayo marushanwa harimo na BK Arena aho ayo marushanwa azabera.

Intumwa ya CAHB yakiriwe kandi n'Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri ya Siporo, Shema Maboko Didier, baganira ku myiteguro muri rusange. Aha iyi ntumwa ya CAHB yashimiye Guverinoma y'u Rwanda uburyo idahwema gushyigikira iterambere rya Siporo by'umwihariko kuba yaremereye Ishyirahamwe rya Handball kwakira iri rushanwa riri ku rwego rw'Afurika.




*Perezida wa FERWAHAND, Twahirwa Alfred (ibumoso) ari kumwe n'intumwa ya CAHB, Callixte ADNKPO (iburyo)*

## Cycling:

# Hagiye kuba amatora ya Komite Nyobozi nshya ya FERWACY

Nyuma y'imyaka ibiri hatowe Komite Nyobozi yuzuzaga manda y'iyari yeguye mu 2019, kuri uyu wa Gatandatu taliki ya 11 Kamena 2022 haratorwa Komite Nyobozi n'izindi nzego zizayobora Ishyirahamwe ry'Umukino w'Amagare mu Rwanda (FERWACY).

Kuva mu Kuboza 2019, Murenzi Abdallah niwe wari uyoboye Komite Nyobozi yari iyoboye FERWACY. Ni amatora yagombaga kuba taliki ya 31 Gicurasi 2022 aza gusubikwa kuko hari imyiteguro yari itaranozwa neza.

Komite Nyobozi itorwa uyu mwaka izaba ifite manda y'imyaka ine n'inshingano ikomeye yo gutegura shampiyona y'Isi yo gusiganwa ku magare izabera mu Rwanda mu 2025.

**Urutonde rwa burundu rw'abakandida ba Komite Nyobozi ya FERWACY:**

**Komite Nyobozi**

- Perezida: Murenzi Abdallah
- Visi Perezida wa mbere: Karangwa François
- Visi Perezida wa kabiri: Kayirebwa Liliane
- Umunyamabanga mukuru: Munyankindi Benoït
- Umubitsi: Ingabire Assia
- Abajyanama: - Me Bayisabe Irene
  - Karambizi Rabin - Hamim

**Komite Ngenzuzi**

- Abagenzuzi b'imari b'Umuryango: - Niyonzima Gildas
  - Mupenzi Christophe Rene

- Komite Nkemurampaka: - Rwanyange Rene Anthere
  - Nkurunziza Jean Pierre
  - Karama Geoffrey

# Cricket:
## Hatangiye irushanwa mpuzamahanga ryo Kwibuka

Kuva taliki ya 09 Kamena 2022 mu Rwanda hatangiye kubera irushanwa mpuzamahanga mu mukino wa Cricket mu cyiciro cy'abagore mu rwego rwo kwibuka abari bagize umuryango mugari wa siporo bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 "Kwibuka Women's T20 Tournament 2022".

Iri rushanwa ritegurwa n'Ishyirahamwe ry'Umukino wa Cricket mu Rwanda (RCA) rikaba rigiye kuba ku nshuro ya munani, rikazasozwa taliki 18 Kamena 2022.

Uyu mwaka ibihugu 8 ni byo byitabiriye iri rushanwa ryo kwibuka, ibyo bihugu ni Uganda, Tanzania, Kenya, Nigeria, Botswana, u Budage, Brazil n'u Rwanda.

Igihugu cy'u Budage na Brazil ni inshuro yabyo ya mbere byitabira iri rushanwa.

Iyi mikino yabimburiwe n'igikorwa cyo gusura urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali ku Gisozi mu rwego rwo kunamira inzirakarengane zihashyinguye ndetse no kwiga mateka yaranze u Rwanda mbere, mu gihe na nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Iyi mikino iri kubera kuri Sitade mpuzamahanga ya Cricket i Gahanga no ku kibuga cya IPRC Kigali.

Uko ibihugu bizahura mu mikino 32 izakinwa muri irushanwa, kanda hano.



*U Rwanda rwatsinzwe umukino warwo wa mbere na Uganda*

RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave